

**ITANGAZO RISOZA INAMA Y'ABEPISKUPI GATOLIKA BO MU RWANDA  
YATERANIYE I KIGALI TARIKI 6-9 NZERI 2016**

Kuva tariki ya 06 kugeza tariki ya 09 Nzeri, ku cyicaro cy'inama y'abepiskopi gatolika i Kigali habaye inama ya 3 isanzwe yabo, iyobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Filipo Rukamba, Umushumba wa Diyosezi ya Butare na Perezida w'Inama y'abepeskopi gatolika mu Rwanda. Muri iyi nama hari hateganijwe umurimo wo gusuzuma ibirebana n'iteganyamutungo muri Seminari Nkuru uko ari eshatu : iya Nyakibanda, iya Kabgayi n'iya Rutongo, no mu mirimo ihuriweho na za Diyosezi zose. Nyuma y'isengesho, Perezida w'Inama yasobanuye ingingo zari kuri gahunda aboneraho no kwakira Padiri Maniraho Jean Damascène, umusaseridoti uvuka muri Diyosezi ya Kibungo, akaba yarahawe ubutumwa bwo kuba umunyamabanga wungirije wa mbere w'Inama y'Abepiskopi, aho asimbuye Padiri Fideli Niyomana warangije imirimo ye akajya mu masomo.

Umunyamabanga w'Iburo by'Intumwa ya Papa mu Rwanda Padiri Antons Prikulis, yitabiriye iyi nama ku munsu wayo wa mbere. Ni we watumwe mu nama kubera ko Intumwa ya Papa mu Rwanda Nyiricyubahiro Musenyeri Luciano Russo yahamagariwe gukomereza imirimo ye mu gihugu cya Tuniziya na Alijeriya, akaba yari amaze iminsi agiye. Muri iyi minsi rero haracyategerejwe umusimbura. Padiri Antons yagejeje ku bepiskopi intashyo za Nyiricyubahiro Musenyeri Luciano, anaboneraho kubaha amakuru anyuranye ajyanye n'impinduka zabaye mu buyobozi bukuru bw'inzeho z'iyogezabutumwa i Roma. Iyi nama kandi, yari yatumiwemo abayobozi ba Seminari Nkuru n'abashinzwe umutungo muri izo seminari hamwe n'abanyamabanga b'inzeho z'imirimo zihuriweho na diyosezi zose bari kumwe n'ababafasha mu bijyanye n'umutungo.

Muri iyi nama hasuzumwe ingingo zimwe na zimwe zirebana n'iyogezabutumwa cyane cyane imyiteguro y'Ihuriro ryo ku rwego rw'Afurika ku Mpuhwe z'Imana ryagombaga gutangira ku itariki ya 10/09. Padiri Filipek Stany w'umupalotini, wari ushinze imirimo yo gutegura iryo huriro, ni we waje gusobanurira abepiskopi aho gahunda zigeze. Abepiskopi bakomeje bagezanyaho amakuru yaranze za Diyosezi. Nyuma yaho, bakiriye raporo zirebana n'ikoreshwa ry'amafranga muri za seminari nkuru n'imirimo ihuriweho na za diyosezi, barazisuzuma baha n'amabwiriza abo bireba. Ikigaragara muri rusange ni uko umutungo wacunzwe neza haba muri za seminari n'ahandi hose. Ikindi ni uko mu mishinga ifashwa n'abaterankunga imfashanyo zigenda zigabanuka bikaba bizasaba gushakashaka ubundi buryo bwo gukora. Abepiskopi basabye abashinzwe imirimo inyuranye ijyanye n'umutungo gukomeza guhuza no kunoza uburyo bwo gutanga za raporo. Bishimiye ko henshi harimo kugaragara ingufu mu bikorwa bigamije kwihaza cyane cyane nko muri za seminari nkuru. Bishimiye kandi ko za Diyosezi zagerageje gutanga imisanzu yose uretse nkeya zitararangiza neza.

Nyuma yo gusuzuma ibijyanye n'umutungo, abepiskopi bakomeje basuzuma ingingo zinyuranye zirebana n'iyogezabutumwa.

Bagarutse kandi ku ngingo zirebana na gahunda ziri muri aya mezi ari imbere, cyane cyane umwihereho w'abapadiri uzaba mu bice bibiri : igice cya mbere kuva tariki ya 18 kugeza kuya 21 Nzeri, igice cya kabiri kuva tariki ya 21 kugeza kuya 24 Nzeri. Banavuze ku nama ya ACOREB isanzwe ihuza abepiskopi b'u Rwanda n'ab'i Burundi. Bemeje ko iyo nama iziga ku iyogezabutumwa mu rubyiruko n'ibindi bibazo bijyanye na gatigisimu mu batoya. Abepiskopi banavuze kuri gahunda yo gusoza umwaka w'Impuhwe z'Imana iteganyijwe ku rwego rw'igihugu tariki ya 20/11/2016 ariko ikazaba yarashojwe mu rwego rwa za paruwasi na za diyosezi tariki ya 13 z'uko kwezi.

Inama yashojwe mbere y'igihe ku mugoroba wo kuwa kane tariki ya 08/09/2016, Nyiricyubahiro Musenyeri Filipino Rukamba, akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda, yibutsa imyanzuro izashyirwa mu bikorwa mbere y'inama itaha iteganyijwe kuva tariki ya 13/12 kugeza kuya 16/12/2016. Ku munsu wakurikiyeho ku itariki ya 09 Nzeri abepiskopi berekeje muri Diyosezi ya Nyundo mu muhango wo gushyingura Musenyeri Dominiko Ngirabanyiginya wari witabye Imana kuwa gatatu tariki ya 07/09/2016.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 12/09/2016

Padiri Jean de Dieu HODARI, Umunyamabanga Mukuru  
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda



✘ Filipino Rukamba  
Umushumba wa Diyosezi ya Butare akaba na Perezida  
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda

+ Rukamba

